Caritas RWANDA

# IHURIRO RYA CARITAS

## Akanyamakuru ka Caritas Rwanda - 2023




CARITAS RWANDA
KN 16 AV 30
P.O Box: 124 Kigali - Rwanda

: +250252574344
: +250252574295

: info@caritasrwanda.org
: www.caritasrwanda.org

: @CaritasRwanda
: Caritas Rwanda
: Caritas Rwanda

## Ishakiro


Ijambo ry'Ubwanditsi ………………………………………………………………………………….. 5

Inteko rusange ya Caritas Rwanda yishimiye ibyagezweho mu mwaka wa 2022.. 6

Ukwezi k'urukundo n'impuhwe …………………………………………………………………… 9

Kugoboka abahuye n'ibiza byo muri Gicurasi 2023 ……………………………………….. 12

Umunyamabanga Mukuru wa Caritas Rwanda yasuye ibikorwa byayo mu nkambi ya Mahama …………………………………………………………………………………………..13

Caritas Kibungo: Caritas yo mu kigo cy'amashuri cya Rubago ikomeje gufasha abatishoboye ……………………………………………………………………………………………..15

Caritas Ruhengeri: Kwizihiza umunsi wa Caritas muri Paruwasi ya Gahunga ……..16

Caritas ya Diyosezi ya Kabgayi yifatanyije na Paruwasi ya Ntarabana kwihiziza umunsi wa Caritas ……………………………………………………………………………………….18

Abakozi ba Caritas Rwanda bahawe amahugurwa ku kurwanya ihohoterwa rikorerwa abanyantege nke ……………………………………………………………………..19

Abakuriye ishami ryita ku batishoboye (OSC) muri Caritas za Diyosezi na Caritas Rwanda bakoze inama nyunguranabitekerezo ………………………………………………..21

"Umurimo w'abakozi ba Caritas, ni umurimo w'ifatanyabutumwa" – Musenyeri Visenti Harolimana ……………………………………………………………………………………. 23

Gukangurira abiga mu mashuri kugira umutima wa Caritas …………………………….. 24

Uruhare rw'amatsinda yo kuzigama no kugurizanya mu kuzamura imibereho y'abaturage bakennye……………………………………………………………………………….. 25

Amatsinda yo kubitsa no kugurizanya akomeje gufasha impunzi kwiteza imbere… …………………………………………………………………………………………………………..27

Abakangurambaga b'amatsinda yo kuzigama no kugurizanya afashwa na Gikuriro Kuri Bose bongerewe ubushobozi ngo bikorere …………………………………………… 28

Umushinga wa Youth for Youth ugamije guteza imbere urubyiruko watangijwe ku mugaragaro mu Karere ka Gicumbi .......................................................................... 29

Nyabihu: Leta yahaye inyunganirangingo abafite ubumuga ku buvugizi bwakozwe na Caritas Rwanda ..........................................................................................................30

Iwawa: Caritas yakoze ubukangurambaga bugamije gukumira virusi itera SIDA ........31

Paroisse Gakeri yatangije ubukangurambaga bwo kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana .................................................................................................................... 33

Caritas Rwanda, ku nkunga ya Plan Rwanda, yahaye ibikoresho binyuranye ingo mbonezamikurire ........................................................................................... 34

Umushumba wa Diyosezi ya Ruhengeri yatanze ibikoresho ku rubyiruko rurangije kwiga imyuga ........................................................................................................ 35

Ubuhamya- Ku nkunga y’umuryango remezo, Jean de Dieu yashoboye gukomeza amashuri ................................................................................................................ 36

**Nshuti Basomyi,**

Mwari mumaze iminsi mutabona akanyamakuru **Ihuriro rya Caritas** ariko ubu muzajya mukagezwaho buri mwaka.

Muri aka ka 2023, murasangamo amakuru atandukanye avuga ku bikorwa bya Caritas haba ku rwego rwa Caritas za Diyosezi ndetse no ku rwego rwa Caritas Rwanda.

Ku rwego rw'igihugu habaye inteko Rusange ya Caritas Rwanda. Caritas n'abandi bantu b'umutima mwiza bahurije hamwe inkunga bagoboka imiryango yahuye n'ibiza byo muri Gicurasi 2023, mu Ntara y'Amajyaruguru n'Uburengerazuba bw'u Rwanda. Na none Caritas Rwanda ifatanije na Diyosezi ya Nyundo-Gisenyi bakoze ubukangurambaga bwo kurwanya Sida ku kirwa cy'Iwawa.

Mu mwaka ushize wa 2023, mu kwezi k'urukundo n'impuhwe hakusanyijwe inkunga isaga miliyoni 143 z'amafaranga y'u Rwanda.

Ku rwego rwa Caritas za Diyosezi, murasangamo inkuru zivuga uko umunsi wa Caritas wijihijwe muri Paruwasi ya Gahunga (Diyosezi ya Ruhengeri) no muri Paruwasi ya Ntarabana muri Diyosezi ya Kabgayi.

Abakuriye ishami ryita ku batishoboye muri Caritas za Diyosezi na Caritas Rwanda bakoze inama nyunguranabitekerezo, kugira ngo barusheho kunoza umurimo wo kwita ku batishoboye.

Iyi numero murayisangamo kandi inkuru zirebana n'ubukungu, aho amatsinda yo kuzigama no kugurizanya yafashije impunzi n'abaturage bakennye kwiteza imbere ndetse umusaruro wayo ukaba ugera no ku bandi batari mu mishinga ifashwa na Caritas.

Ku musozo w'aka kanyamakuru murahasanga ubuhamya bw'umwe mu bana bari baracikirije amashuri wo mu Karere ka Ngoma, bituma aba umwana wo mu muhanda, yaje gufashwa na Caritas y'umuryango remezo w'abakozi w'iwabo, abasha gukomeza amashuri, none ubu asoje icyiciro cya 3 cya kaminuza, yanabonye akazi mu Karere ka Ruhango.

**Ubwanditsi**

## Inteko rusange ya Caritas Rwanda yishimiye ibyagezweho mu mwaka wa 2022



*Ifoto y'urwibutso / Inteko rusange ya Caritas Rwanda - 27 Werurwe 2023.*

Kuva tariki 27/03 kugeza 28/03/2023 Inteko rusange ya Caritas Rwanda yateraniye kuri Hotel Cenetra i Kabuga, aho yishimiye ko ibyari byateganijwe gukorwa mu mwaka wa 2022 byagezweho ku kigero cya 98%.

Mu ijambo rifungura ku mugaragaro iyi nteko rusange, Perezida wa Caritas Rwanda akaba n'Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo Musenyeri Anaclet Mwumvaneza yavuze ko Caritas Rwanda yakomeje ubutumwa bwayo bwo kwita ku bakene n'abababaye n'ubwo hariho ingaruka z'icyorezo cya COVID-19, ndetse n'izamuka ry'ibiciro ryatewe n'intambara ya Ukraine n'Uburusiya.

Umunyamabanga wa Nonciature mu Rwanda, Padiri Thomasz Gdula, yibukije ibyo Nyirubutungane Papa Fransisko yavuze mu ijambo yagejeje ku bagize Caritas y'Ubutaliyani agira ati: *"Uko ibihe bigenda bihinduka, ibibazo n'ingorane ni byinshi, abakene bararushaho kwiyongera, n'ibihe bigoye ni byinshi cyane ku isi"*.

Kugira ngo ibi bibazo bikemuke nk'uko Padiri Thomasz Gdula yabivuze, hari inzira 3 Papa Fransisko yatanze : inzira yo kwita ku bakene bababaye kurusha abandi, inzira y'Ivanjiri kuko imurikiwe n'urukundo rwa kivandimwe, ndetse n'iyo gushakisha ibisubizo mu gukemura ibibazo by'ubuzima hagamijwe gufasha abakene.

Inzego zinyuranye za Caritas Rwanda



*Mgr Anaclet Mwumvaneza, Perezida wa Caritas Rwanda afungura Inteko Rusange.*

zerekanye ibyagezweho mu mwaka wa 2022, hakurikijwe imyanzuro y'Inteko rusange ya Caritas Rwanda ya 2022. Muri rusange, imyanzuro yashyizwe mu bikorwa ku kigero gishimishije (98%).

Mu ishami rishinzwe imiyoborere n'imari, habayeho gusana inyubako zisanzwe; umusanzu mu kigega cy'abakozi ugera kuri miliyoni 95 z'amafaranga y'u Rwanda, imikoranire n'abafatanyabikorwa yarashimangiwe mu gihe ubushobozi bwo gukurikirana no gutanga raporo nabwo bwongerewe ingufu, nko gutegura igenzura ry'imari, gusuzuma imishinga, gukusanya, gusesengura no kubika amakuru.

Mu ishami ryita ku batishoboye hakozwe ibi bikurikira:

-Abatishoboye bitaweho;

-Mbere na mbere hakozwe ubukangurambaga ku bakristu n'abandi bantu b'umutima mwiza ku bikorwa by'urukundo n'impuhwe binyuze mu bitangazamakuru bya Kiriziya Gatorika ndetse no gusanga abantu aho bari ;

-Mu nkambi z'impunzi hari abahawe ubushobozi bwo kwikura mu bukene kugira ngo bateze imiryango yabo imbere ;

-Habayeho kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'abakene muri Paruwasi zose;

-Caritas Byumba yafunguye ikigo Incubation Centre cyo gusubiza mu buzima busanzwe urubyiruko ruva muri za gereza zo mu Majyaruguru;

-Imfubyi n'abana bo mu miryango itishoboye (OVC) 173 basoje amashuri y'imyuga (TVET);

-Abantu 2.412 bahawe inkunga y'amafaranga yo gukora imishinga ibyara inyungu. Buri wese yahawe Frw 800.000.

-Habayeho guha ibikoresho by'ishuri imfubyi n'abana 28.139 bo mu miryango itishoboye muri gahunda ya USAID / GIMBUKA;

-Umuco wo gufasha abatishoboye wageze no mu bigo by'amashuri, aho abana bafashije bagenzi babo bo mu miryango ikennye.

Muri make abakene bafashijwe mu ngeri zose bagera kuri 271,056 hakoreshejwe hafi miliyari 8 z'amafranga y'u Rwanda.

Mu ishami ry'ubuzima, umunsi w'abarwayi wizihijwe ku rwego rwa Caritas Rwanda (mu bitaro bya Ruli) no ku rwego rwa Caritas za Diyosezi. Abantu 22.700 bahawe amasomo agamije kuzamura imirire yabo, mu gihe abandi 2.327 bafite imirire mibi ikabije boherejwe mu bigo nderabuzima ngo bitabweho. Mu ishami ry'ubuzima kandi ingo 39.309 zagejejweho serivisi zo guteganya imbyaro hakoreshejwe uburyo bwa kamere (PFN).

Mu bijyanye n'iterambere, abagenerwabikorwa bongereye umusaruro w'ubuhinzi-bworozi, bongererwa ubushobozi bwo kwihangira imirimo no kongera imari, kimwe no guhangana n'imihindagurikire y'ikirere. Aha hakoreshejwe Frw 357.250.150.

Mu myanzuro y'iyi Nteko Rusange ya Caritas Rwanda, harimo guhuza no gushyira imbaraga mu bukangurambaga haherewe ku rubyiruko (cyane cyane mu mashuri), ubufatanye hagati ya Komisiyo y'Abepiskopi ishinzwe ubuzima na Caritas Rwanda, gushimangira ubufatanye n'imikoranire hagati ya: Caritas Rwanda, Komisiyo y'Abepiskopi ishinzwe umuryango na Serivisi ishinzwe ibikorwa by'umuryango (SNAF). Ikindi ni ukuvugurura ibikorwa by'iterambere no kubishyigikiramo Caritas za Diyosezi.



*Abayobozi ba Caritas za Diyosezi na Caritas Rwanda bagize umwanya wo guhura.*

## Ukwezi k'Urukundo n'Impuhwe

Ukwezi k'urukundo n'impuhwe kwashyizweho n'Abepiskopi ba Kiliziya Gatorika mu Nteko rusange ya Caritas Rwanda yateranye mu kwezi kwa 12/1997, kugira ngo abakrisitu Gatolika by'umwihariko n'abandi bantu b'umutima mwiza bitagatifuze binyuze mu bikorwa by'urukundo mu gufasha abatishoboye.

Byamenyeshejwe amaparuwasi yose mu kwezi kwa Nyakanga 1998 ko buri mwaka muri Kanama hagomba kujya habaho ibikorwa byo gufasha abababaye kugira ngo hirindwe umuco wo gusabiriza. Ibyo bikaba bihuje n'itegeko rya Nyagasani Yezu aho agira ati: *"Nimubahe ibyo kurya mwebwe ubwanyu"* (Mt 14, 16).

Impamvu Abepiskopi bahisemo ukwezi kwa munani, ni uko ari bwo abakirisitu baba babonye umusaruro bityo bakabasha gusangira ibyo bafite n'abakene.

Kuva mu kwezi kwa Kanama 1998, buri mwaka hakusanywa inkunga yo gufasha abakene bikanyuzwa muri Caritas z'imiryango remezo, paruwasi, Diyosezi na Caritas Rwanda. Mu mwaka wa 2023, hakusanyijwe **Frw 143.407.212.**

*Uko inkunga y'ukwezi k'urukundo n'Impuhwe yagiye ikusanywa mu 2023, 2022 na 2021*

| 2023 | | |
|---|---|---|
| N° | Diyosezi | Inkunga yakusanyijwe |
| 1. | Ruhengeri | 25.198.908 |
| 2. | Kigali | 21.265.925 |
| 3. | Kibungo | 16.989.261 |
| 4. | Cyangugu | 15.365.901 |
| 5. | Gikongoro | 13.660.140 |
| 6. | Byumba | 13.189.735 |
| 7. | Nyundo-Gisenyi | 11.882.955 |
| 8. | Nyundo-Kibuye | 10.973.607 |
| 9. | Kabgayi | 5.501.165 |
| 10. | Butare | 3.878.360 |
| 11. | Abakozi ba Caritas Rwanda | 278.000 |
| TOTAL | | **143.407.212** |

| 2022 | | |
|---|---|---|
| N° | Diyosezi | Inkunga yakusanyijwe |
| 1. | Kigali | 23.068.185 |
| 2. | Gikongoro | 19.838.158 |
| 3. | Ruhengeri | 15.699.972 |
| 4. | Kibungo | 15.298.396 |
| 5. | Nyundo-Gisenyi | 12.081.580 |
| 6. | Nyundo-Kibuye | 11.692.886 |
| 7. | Cyangugu | 10.348.480 |
| 8. | Kabgayi | 9.145.166 |
| 9. | Butare | 6.292.800 |
| 10. | Byumba | 5.448.220 |
| 11. | Abakozi ba Caritas Rwanda | 192.000 |
| TOTAL | | **129.105.843** |

| 2021 | | |
|---|---|---|
| N° | Diyosezi | Inkunga yakusanyijwe |
| 1. | Kigali | 13.239.901 |
| 2. | Gikongoro | 10.872.252 |
| 3. | Kibungo | 10.061.130 |
| 4. | Nyundo-Gisenyi | 9.639.975 |
| 5. | Nyundo-Kibuye | 8.805.850 |
| 6. | Ruhengeri | 8.799.020 |
| 7. | Cyangugu | 7.538.650 |
| 8. | Butare | 5.268.129 |
| 9. | Kabgayi | 4.493.680 |
| 10. | Byumba | 2.524.490 |
| 11. | Abakozi ba Caritas Rwanda | 200.900 |
| TOTAL | | **81.243.077** |

*Uko inkunga y'ukwezi k'urukundo yagiye ikusanywa mu maparuwasi (2023)*

**Caritas Byumba**

| N⁰ | Paruwasi | Frw yabonetse |
|---|---|---|
| 1 | Byumba | 1.200.000 |
| 2 | Bungwe | 1.000.000 |
| 3 | Nyarurema | 1.000.000 |
| 4 | Rushaki | 800.000 |
| 5 | Burehe | 620.000 |
| 6 | Nyagahanga | 603.100 |
| 7 | Matimba | 600.000 |
| 8 | Muyanza | 600.000 |
| 9 | Kiziguro | 550.000 |
| 10 | Nyagatare | 507.200 |
| 11 | Gituza | 502.100 |
| 12 | Nyakayaga | 500.000 |
| 13 | Rwamiko | 500.000 |
| 14 | Mimuri | 457.530 |
| 15 | Kinihira | 420.000 |
| 16 | Ngarama | 412.500 |
| 17 | Mulindi | 400.000 |
| 18 | Gihengeri | 348.360 |
| 19 | Mutete | 348.200 |
| 20 | Rukomo | 322.280 |
| 21 | Nyagasozi | 314100 |
| 22 | Nyinawimana | 312.665 |
| 23 | Kisaro | 300.000 |
| 24 | Muhura | 300.000 |
| 25 | Runyinya | 271.700 |
| | TOTAL | 13.189.735 |

**Caritas Kibungo**

| N⁰ | Paruwasi | Frw yabonetse |
|---|---|---|
| 1. | Musaza | 2.428.970 |
| 2. | Kibungo | 1.431.517 |
| 3 | Zaza | 1.101.240 |
| 4 | Rusumo | 1.070.466 |
| 5 | Gahara | 1.022.960 |
| 6 | Rwamagana | 1.010.225 |
| 7 | Gishanda | 922.600 |
| 8 | Rukoma | 829.100 |
| 9 | Kirehe | 818.666 |
| 10 | Kansana | 794.565 |
| 11 | Kabarondo | 723.600 |
| 12 | Nyarubuye | 666.800 |
| 13 | Bare | 643.750 |
| 14 | Rukira | 586.265 |
| 15 | Rukara | 552.150 |
| 16 | Gashiru | 542.100 |
| 17 | Munyaga | 480.700 |
| 18 | Nyakabungo | 421.333 |
| 19 | Kiyanzi | 268.000 |
| 20 | Remera | 190.200 |
| 21 | Mukarange | 180.000 |
| 22 | Ruhunda | 163.250 |
| 23 | UR Rukara | 60.000 |
| 24 | Abakozi | 7.000 |
| | TOTAL | 16.989.261 |

**Caritas Butare**

| N⁰ | Paruwasi | Frw yabonetse |
|---|---|---|
| 1. | Kirarambogo | 502.230 |
| 2. | Mugombwa | 500.000 |
| 3 | Nyanza | 366.010 |
| 4 | Higiro | 239.380 |
| 5 | Gakoma | 232.850 |
| 6 | Cyahinda | 187.000 |
| 7 | Uwishema Libert | 189.800 |
| 8 | Byiza | 177.670 |
| 9 | Rugango | 165.500 |
| 10 | Ngoma | 150.000 |
| 11 | Magi | 145.500 |
| 12 | Kiruhura | 140.500 |
| 13 | Gisagara | 140.000 |
| 14 | Cathedral Butare | 137.300 |
| 15 | Kansi | 126.420 |
| 16 | Mbazi | 117.850 |
| 17 | Save | 92.100 |
| 18 | Kibirizi | 62.000 |
| 19 | Simbi | 46.750 |
| 20 | Ntakirutimana | 32.500 |
| 21 | Nyumba | 22.000 |
| 22 | Karama | 20.000 |
| 23 | TSS Mubirigi | 85.000 |
| | TOTAL | 3.878.360 |

**Caritas Kigali**

| N⁰ | Paruwasi | Frw yabonetse | N⁰ | Paruwasi | Frw yabonetse |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Nyamata | 2.173.900 | 22 | Ruhuha | 347.400 |
| 2 | Kabuye | 2.163.765 | 23 | Rilima | 323.710 |
| 3 | Saint Michel | 1.642.670 | 24 | Nkanga | 320.000 |
| 4 | Kabuga | 1.606.600 | 25 | Kanombe | 304.125 |
| 5 | Kacyiru | 1.567.260 | 26 | Kimihurura | 300.000 |
| 6 | Nyamirambo | 1.446.370 | 27 | Kamabuye | 268.000 |
| 7 | Kicukiro | 1.197.710 | 28 | Mayange | 235.000 |
| 8 | Regina Pacis | 1.188.500 | 29 | Rwankuba | 206.670 |
| 9 | Saint Famille | 1.130.000 | 30 | Mbogo | 181.360 |
| 10 | Saint Pierre | 964.200 | 31 | Munyana | 172.000 |
| 11 | Ndera | 867.150 | 32 | Rusasa | 150.000 |
| 12 | Gahanga | 823.600 | 33 | Butamwa | 146.150 |
| 13 | Rutongo | 806.030 | 34 | Munanira | 119.350 |
| 14 | Kigarama | 712.310 | 35 | Muhondo | 100.000 |
| 15 | Rushubi | 701.810 | 36 | Masaka | 100.000 |
| 16 | Rulindo | 700.000 | 37 | Rutonde | 84.000 |
| 17 | Musha | 664.785 | 38 | Karama | 0 |
| 18 | Gikondo | 550.000 | 39 | Shyorongi | 0 |
| 19 | Karenge | 542.260 | 40 | Mugote | 0 |
| 20 | Ruli | 437.340 | 41 | Gitabage | 0 |
| 21 | Gishaka | 396.510 | 42 | Gihogwe | 0 |
| TOTAL | | | | | 21.265.925 |

**Caritas Nyundo - Gisenyi**

| N⁰ | Paruwasi | Frw yabonetse |
|---|---|---|
| 1 | Muramba | 1.173.990 |
| 2 | Gisenyi | 1.059.900 |
| 3 | Biruyi | 1.018.090 |
| 4 | Kivumu | 1.011.415 |
| 5 | Busasamana | 870.000 |
| 6 | Kabaya | 798.650 |
| 7 | Muhato | 749.250 |
| 8 | Kora | 735.470 |
| 9 | Muhororo | 725.450 |
| 10 | Nyundo | 706.350 |
| 11 | Kinunu | 662.340 |
| 12 | Gatovu | 518.490 |
| 13 | Rambura | 428.800 |
| 14 | Mbugangari | 400.000 |
| 15 | Rususa | 399.700 |
| 16 | Kavumu | 323.050 |
| 17 | Rambo | 302.010 |
| | TOTAL | 11.882.955 |

**Caritas Cyangugu**

| N⁰ | Paruwasi | Frw yabonetse |
|---|---|---|
| 1. | Nyamasheke | 2.025.440 |
| 2. | Mwezi | 1.466.667 |
| 3 | Shangi | 1.228.626 |
| 4 | Nyabitimbo | 1.204.976 |
| 5 | Cyangugu | 1.204.960 |
| 6 | Mushaka | 1.184.653 |
| 7 | Nkanka | 1.097.653 |
| 8 | Muyange | 982.800 |
| 9 | Giheke | 747.066 |
| 10 | Mashyuza | 669.660 |
| 11 | Rasano | 665.833 |
| 12 | Nyakabuye | 538.266 |
| 13 | Mibirizi | 456.680 |
| 14 | Ntendezi | 387.706 |
| 15 | Mugomba | 338.200 |
| 16 | Hanika | 280.000 |
| 17 | Tyazo | 260.386 |
| 18 | Bukunzi | 248.666 |
| 19 | Yove | 222.000 |
| 20 | Nkombo | 146.666 |
| 21 | Runyanzovi | 0 |
| | **TOTAL** | **15.365.901** |

**Caritas Gikongoro**

| N⁰ | Paruwasi | Frw yabonetse |
|---|---|---|
| 1. | Muganza | 1.240.660 |
| 2. | Mushubi | 1.125.500 |
| 3 | Kizimyamuriro | 951.200 |
| 4 | Kirambi | 935.450 |
| 5 | Kibeho | 854.900 |
| 6 | Masagara | 843.350 |
| 7 | Cyanika | 814.750 |
| 8 | Gikongoro | 812.550 |
| 9 | Kitabi | 760.650 |
| 10 | Bishyiga | 719.540 |
| 11 | Gatare | 703.190 |
| 12 | Ruheru | 686.295 |
| 13 | Mbuga | 553.130 |
| 14 | Kaduha | 545.270 |
| 15 | Ruramba | 524.350 |
| 16 | Busanze | 473.345 |
| 17 | Kibumbwe | 467.350 |
| 18 | Nyabimata | 405.400 |
| 19 | Nyarunyinya | 243.260 |
| | **TOTAL** | **13.660.140** |

**Caritas Ruhengeri**

| N⁰ | Paruwasi | Frw yabonetse |
|---|---|---|
| 1 | Runaba | 3.135.067 |
| 2 | Butete | 3.014.252 |
| 3 | Ruhengeri | 2.879.700 |
| 4 | Busogo | 2.800.000 |
| 5 | Nemba | 2.400.000 |
| 6 | Rwaza | 1.897.813 |
| 7 | Kampanga | 1.642.510 |
| 8 | Bumara | 1.607.333 |
| 9 | Janja | 1.098.000 |
| 10 | Kinoni | 850.000 |
| 11 | Gahunga | 805.000 |
| 12 | Mwange | 772.480 |
| 13 | Murama | 732.000 |
| 14 | Nyakinama | 703.153 |
| 15 | Kanaba | 550.000 |
| 16 | Busengo | 301.667 |
| | **TOTAL** | **25.189.908** |

**Caritas Kabgayi**

| N⁰ | Paruwasi | Frw yabonetse | N⁰ | Paruwasi | Frw yabonetse |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Kabgayi | 825.000 | 19 | Muyunzwe | 102.500 |
| 2 | Kanyanza | 500.000 | 20 | Kizibere | 100.000 |
| 3 | Gitare | 400.000 | 21 | Ngamba | 80.870 |
| 4 | Gihara | 352.640 | 22 | Nyabinyenga | 70.815 |
| 5 | Kabacuzi | 308.230 | 23 | Karambi | 50.160 |
| 6 | Mushishiro | 307.250 | 24 | Kigoma | 31.350 |
| 7 | Kayenzi | 305.940 | 25 | GS Ntongwe | 29.300 |
| 8 | Kinazi | 287.900 | 26 | GS Saint Joseph | 27.950 |
| 9 | Ntarabana | 237.960 | 27 | GS Kabgayi B | 18.000 |
| 10 | Ruhango | 204.645 | 28 | GS Kabgayi A | 17.250 |
| 11 | Kivumu | 200.000 | 29 | GS Bukomero | 7.000 |
| 12 | Cyeza | 193.200 | 30 | College St Jean Nyarusange | 2.200 |
| 13 | Kamonyi | 180.000 | 31 | | 4.195 |
| 14 | Nzuki | 153.040 | 32 | Gitarama | 0 |
| 15 | Nyarusange | 141.390 | 33 | Kabuga | 0 |
| 16 | Ruyenzi | 131.530 | 34 | Kibangu | 0 |
| 17 | Musambira | 125.850 | 35 | Nyabinoni | 0 |
| 18 | Mugina | 105.000 | 36 | Staff Caritas | 0 |
| | **TOTAL** | | | | **5.501.165** |

**Caritas Nyundo - Kibuye**

| N⁰ | Paruwasi | Frw yabonetse |
|---|---|---|
| 1. | Murunda | 2.221.475 |
| 2. | Gisovu | 1.499.400 |
| 3 | Nyange | 1.278.060 |
| 4 | Crete Congo-Nil | 1.258.250 |
| 5 | Kibuye | 982.700 |
| 6 | Mubuga | 943.900 |
| 7 | Mushubati | 857.570 |
| 8 | Birambo | 734.870 |
| 9 | Mukungu | 587.535 |
| 10 | Kibingo | 357.900 |
| 11 | Gakeri | 251.947 |
| | **TOTAL** | **10.973.607** |

## Kugoboka abahuye n'ibiza byo muri Gicurasi 2023



*Caritas ya Diyosezi ya Kibungo yashyikirije Caritas Nyundo-Kibuye inkunga ku itariki 26 Gicurasi 2023.*

Ingo 3.342 zo mu Ntara y'Amajyaruguru (Burera) n'iy'Uburengerazuba (Ngororero, Rubavu, Nyabihu, Rutsiro na Karongi) zagizweho ingaruka n'imyuzure no kuriduka k'ubutaka byatewe n'imvura nyinshi yaguye ku itariki 2 n'itariki 3 Gicurasi 2023, ni zo zahawe ubufasha binyuze mu mushinga wa EA 17-2023/RRF. Uyu mushinga washyizwe mu bikorwa na Caritas Rwanda ku bufatanye n'ubuyobozi bw'inzego z'ibanze, Caritas Internationalis na Caritas za Diyosezi, ku nkunga ya CRS, Caritas Italiana, Caritas Korea, Caritas Japan, Caritas Slovenia, Trócaire, n'abandi bantu b'umutima mwiza.

Caritas Rwanda ifatanyije na Caritas za Diyosezi, yegereye abahuye n'ibiza irabaganiriza, ndetse ihamagarira abantu bose kwegeranya mu buryo bwihuse inkunga y'amafaranga, ibiribwa n'ibindi byari bikenewe mu kubagoboka. Hatanzwe inkunga ikurikira:

| Abatanze inkunga | Inkunga (€) |
|---|---|
| Caritas za Diyosezi | 250.917 |
| CRS | 221.971 |
| TROCAIRE | 84.457 |
| Caritas Italiana | 30.000 |
| Caritas Rwanda | 28.340 |
| Caritas Korea | 28.057 |
| Caritas Japan | 10.000 |
| Caritas Slovenia | 10.000 |
| Abandi bantu b'umutima mwiza batanze inkunga | 1.133 |
| **Igiteranyo** | **664.875** |

Inkunga yose yatanzwe isaga **miliyoni 759 z'amafaranga y'u Rwanda**.

Bahawe inkunga y'ibiribwa, imyambaro, ibikoresho by'isuku n'inkunga y'amafaranga ibafasha gusubira mu buzima busanzwe. Ingo 625 zahawe Frw 50.000 (buri rugo), naho izigera kuri 2.717 zihabwa Frw 92.000 (buri rugo).

Bamwe basannye amazu babagamo yari yarasenyutse, ariko bakora umusingi ukomeye nk'uko babigiriwemo inama n'ubuyobozi, abandi baguramo amatungo. Hari n'abikenuye bagura ibikoresho bari bakeneye, abandi batangiza imishinga mito ibabyarira inyungu. Habayeho kandi no kugura ibiribwa.

## Umunyamabanga Mukuru wa Caritas Rwanda yasuye ibikorwa byayo mu nkambi ya Mahama



*Padiri Oscar Kagimbura, Umunyamabanga Mukuru wa Caritas Rwanda, ubwo yasuraga Kabanyana Jacqueline, umwe mu bagenerwabikorwa ba Graduation.*

Ku itariki 11 Ukwakira 2023, Umunyamabanga Mukuru wa Caritas Rwanda Padiri Oscar Kagimbura yasuye ibikorwa by'umushinga wa Graduation uterwa inkunga n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku mpunzi HCR, biri mu nkambi ya Mahama ndetse no mu nkengero zaho. Uru rugendo rwari rugamije kureba uko ibi bikorwa bihagaze.

Muri uru rugendo, Padiri Oscar Kagimbura yasuye Madamu Farhat Jabeen Khan, ukuriye ibiro bya HCR Ishami rya Nyakarambi, ari na ho inkambi ya Mahama ibarizwa. Ibiganiro bagiranye byibanze ku kurushaho guhugura abagenerwabikorwa b'umushinga wa Graduation ku myuga cg ubumenyi bukenewe ku isoko, ku buryo nyuma y'amahugurwa no guhabwa inkunga y'amafaranga bose babona icyo bakora kibateza imbere.

Padiri Oscar Kagimbura yasuye kandi ibiro bya Ministeri ishinzwe Ibiza biri mu nkambi ya Mahama. Umuyobozi w'iyi nkambi, Vuganeza André, yashimiye Caritas Rwanda uburyo imaze guteza imbere ubuzima bw'impunzi n'abaturage batuye mu nkengero ifasha, aboneraho no gusaba ko umubare w'ingo zifashwa n'umushinga wakongerwa.

Mu ngo 1.613 zafashijwe n’umushinga wa Graduation, 70% ni impunzi (ziva mu nkambi za Mahama na Kiziba), naho 30% ni abanyarwanda baturanye n’izi nkambi. Vuganeza André yasobanuye ko kongera umubare w'ingo zifashwa z’abaturiye inkambi bizazamurira rimwe imibereho yabo n’iy’impunzi. Buri mugenerwabikorwa ahabwa inkunga ya Frw 800.000 agashyira mu bikorwa umushinga yizeho nyuma yo guhabwa amahugurwa.



*Padiri Oscar Kagimbura, Madamu Farhat Jabeen Khan n’abakozi b’umushinga wa Graduation.*

Mu nama yagiranye n’itsinda ryo kuzigama no kugurizanya rifashwa n’umushinga wa Graduation ritwa “Abadahigwa mu iterambere rya Mahama”, Padiri Oscar Kagimbura yabasabye gukomeza gushyira hamwe, bakagirirana icyizere, kandi bakagana ibigo by’imari kugira ngo barusheho gutera imbere.

Abagize iri tsinda basabye ko n’izindi mpunzi zitaragerwaho na gahunda ya Graduation zatekerezwaho, kugira ngo zibone icyo gukora zikure mu bukene, cyane ko inkunga zigenda zikendera.

Muri uru ruzinduko kandi, Umunyamabanga Mukuru wa Caritas Rwanda wari uherekejwe na Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Rusumo, Padiri Buregeya Félicien, yasuye abagenerwabikorwa ba Graduation bacururiza mu isoko riri mu nkambi ya Mahama, ndetse n’abakora ubworozi bw’ingurube hanze y’inkambi.

Nyuma yo kuganira nabo, no kureba uburyo bandika mu bitabo ibijyanye n’ubucuruzi bwabo bwa buri munsi, aba bashyitsi bishimiye ibikorwa aba bagenerwabikorwa bamaze kugeraho, babasaba gukomeza kwiteza imbere kugira ngo intego yo kwigira (Graduation) igerweho.

## Caritas Kibungo: Caritas yo mu kigo cy'amashuri cya Rubago ikomeje gufasha abatishoboye



*Abanyeshuri bahaye ibikoresho mugenzi wabo.*

Nyuma y'imyaka 4 itangijwe, Caritas yo mu kigo cy'amashuri cya Rubago imaze gukora ibikorwa bitandukanye byibanda ku gufasha abatishoboye no kubaba hafi, baba abanyeshuri bakigamo, cyangwa abandi bantu bababaye.

Ikigo cy'amashuri abanza cya Rubago kisunze Mutagatifu Yohani Pawulo II, giherereye muri Diosezi ya Kibungo muri Paruwasi ya Rukoma. Uretse gufasha abanyeshuri mu myigire yabo, abarezi bakorera muri iki kigo banatoza abana ibikorwa by'urukundo bafasha bagenzi babo, babinyujije muri Caritas ikorera aho mu kigo.

Umuyobozi w'ikigo niwe Muyobozi mukuru wa Caritas mu kigo, hakaba n'Umuhuzabikorwa wa Caritas akaba ari

ari umwarimu wanahuguwe. Hari kandi na komite ya Caritas igizwe n'abanyeshuri batowe na bagenzi babo baturutse muri buri cyumba cy'ishuri.

Buri cyumba cy'ishuri ni umuryangoremezo, umuyobozi mukuru wacyo akaba mwarimu, hakabamo na komite ya Caritas igizwe n'abanyeshuri bane batowe na bagenzi babo.

Bitewe n'uko muri buri cyumba cy'ishuri harimo inzego za Caritas, gukora ibikorwa bya Caritas, kumenya umunyeshuri ufite ikibazo cyangwa ukeneye ubufasha biraborohera kuko baba baziranye bitewe n'uko babana umunsi ku wundi.

Mu bikorwa bya Caritas bikorerwa mu kigo cy'amashuri cya Rubago harimo kwitabira gutanga imfashanyo y'ukwezi k'urukundo n'impuhwe, kwegeranya imfashanyo yo gufasha mu gihe cy'adiventi no mu gihe cy'igisibo.

Izi mfashanyo begeranyije zibafasha gufasha bagenzi babo bakeneye ubufasha butandukanye kandi bitewe n'uko abanyeshuri n'abarezi bo kuri iki

kigo ibikorwa bya Caritas bamaze kubigira umuco, ibyo baba bakusanyije biba bitubutse.



*Abanyeshuri basuye mugenzi wabo wakoze impanuka.*

Bimwe mu byakozwe ni ukugurira imyenda y'ishuri abanyeshuri barindwi batishoboye, kugurira ibikoresho by'ishuri abanyeshuri batishoboye birimo amakayi, amakaramu n'inkweto, gusura bagenzi babo bafite ibibazo by'uburwayi bukomeye ndetse bakanababafasha mu bijyanye no kwivuza, kubagurira ibibatunga mu gihe bari kwa muganga, kubaba hafi no gufata mu mugongo mugenzi wabo wagize ibyago n'ibindi.

**Thomas Nsabimana / Umurezi akaba n'Umuhuzabikorwa wa Caritas muri Paruwasi ya Rukoma**

## Caritas Ruhengeri: Kwizihiza umunsi wa Caritas muri Paruwasi ya Gahunga

Kuwa gatatu tariki ya 31 Gicurasi 2023, Paruwasi ya Gahunga yijihije umunsi wa Caritas ufite insanganyamatsiko igira iti *''Buri wese atange uko umutima we ubimubwira atinuba, adahaswe kuko Imana ikunda utanga yishimye''*. Ibirori byabimburiwe n'Igitambo cya Missa cyayobowe na Padiri Narcisse Ngirimana, Umuyobozi wa Caritas ya Diyosezi ya Ruhengeri ari kumwe na Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Gahunga Padiri Yohani Mariya Viyani Uwamungu na Padiri Barthélémy Kurzyniec, ukorera ubutumwa bwe muri Paruwasi ya Gahunga.



*Batanze ubufasha bunyuranye.*

Nyuma y'Igitambo cya Misa, Paruwasi ya Gahunga yashikirije abakene bababaye

kurusha abandi imfashanyo igizwe n'ifu y'ibigori ku miryango 9 idafite ibyo kurya, amabati n'imisumari yo gusakara ku miryango 3 itagira aho yikinga n'imyenda y'ishuri ku banyeshuri 8 bavuka mu miryango itishoboye. Imfashanyo yose hamwe yatanzwe ifite agaciro kangana n'ibihumbi magana atatu na mirongo inani na magana atanu y'amafaranga y'u Rwanda (380,500 Frw).

Nyuma yo gutanga imfashanyo ku bakene batoranyijwe, hakurikiyeho



*Uyu munsi waranzwe n'ibyishimo.*

ibiganiro bijyanye no gusobanukirwa n'ubutumwa bwa Caritas muri rusange no muri Paruwasi ya Gahunga by'umwihariko. Perezida wa komite ya Caritas muri Paruwasi ya Gahunga yageje ku bari bitabiriye ibirori, ibikorwa bya Caritas muri Paruwasi ya Gahunga anahamagarira buri wese gutanga umusanzu we mu gufasha abatishoboye aho bari hose. Perezida wa komite ya Caritas yashimiye Ubuyobozi bwa Caritas ya Diyosezi na Paruwasi ya Gahunga ubufasha bubagenera haba mu bikorwa cyangwa mu bitekerezo byubaka komite ya Caritas abereye Perezida.

Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Gahunga ari na we Omoniye wa Caritas muri iyo Paruwasi, yishimiye ibikorwa Caritas ya Paruwasi ya Gahunga imaze kugeraho mu rwego rwo gufasha abatishoboye n'abari mu kaga. Ahereye ku nyigisho yatanzwe mu Gitambo cya Misa, Padiri Yohani Mariya Viyani Uwamungu yasabye inzego za Caritas muri Paruwasi ya Gahunga n'abakristu muri rusange kutajya bazuyaza mu gufasha abatishoboye hafatiwe ku rugero rwa Bikira Mariya Umubyeyi utabara abakristu kandi wiyoroshya. Yongeye kandi kwibutsa abakristu bose ko batagomba gutegereza gufasha umuntu yamaze gupfa ahubwo ko bajya bafasha umuntu ukiri muzima bamurinda kwicwa n'inzara no gupfukiranwa n'ibibazo byugarije isi.

**Bazasekabaruhe Jean Damascène**
**Ushinzwe ishami ryita ku batishoboye**
**Caritas Ruhengeri**

## Caritas ya Diyosezi ya Kabgayi yifatanyije na Paruwasi ya Ntarabana kwihiziza umunsi wa Caritas



*Ifoto y'urwibutso / Kwizihiza umunsi wa Caritas muri Paruwasi ya Ntarabana.*

Ku itariki ya 31/10/2023 Caritas ya Diyosezi ya Kabgayi, yifatanyije na Paruwasi ya Ntarabana kwizihiza umunsi wa Caritas uzwi nka "Journée Caritas", ugamije guhuza abakangurambaga ba Caritas bose muri Paruwasi ngo baturire hamwe igitambo cy'Ukaristiya, basabire abari abakangurambaga ba Caritas bitabye Imana, bibukiranye ubutumwa bwabo n'uko barushaho kubunoza. Ubutumwa bwatanzwe muri rusange bwibanze ku kugira umutima w'urukundo n'impuhwe bikwiye kugirirwa abakene nk'uko izina rya Caritas ribivuga: urukundo.

Uyu munsi wabimburiwe n'igitambo cy'Ukaristiya cyatuwe na Padiri Nzirakarusho Alexis, Padiri mukuru wa paruwasi ya Ntarabana akaba na Omoniye wa Caritas y'iyi paruwasi.

Nyuma y'igitambo cy'ukaristiya, abakorerabushake ba Caritas mu nzego zose z'iyi paruwasi na Padiri Omoniye wa Caritas binjiye mu gikorwa nyirizina cyo kurebera hamwe ibyagezweho, ibizakorwa ndetse n'urwego bagezeho bafasha abakene. Ni igikorwa kandi kibafasha kwisuzuma mu mibereho yabo ya buri munsi mu gufasha abakene, imbogamizi bahura na zo ndetse no kurebera hamwe ibisubizo birambye kuri ibyo bibazo.

Mu ijambo rye Padiri Nzirakarusho Alexis, yibukije abari aho ko Caritas ari urukundo ko n'abantu muri rusange bakwiye kurugirira abakene: "*Ni ngombwa kwitangira Caritas n'umutima ukunda tudahutaza abakene. Mushinge*

*imizi aho mukorera hose kuko Caritas ikomera ihereye mu miryango remezo. Bimwe mu bigaragaza ibikorwa byo kwitangira abakene bya Caritas ya Paruwasi Ntarabana ni ugukusanya umusaruro w'ukwezi k'urukundo n'impuhwe utangwa buri mwaka kandi ugenda wiyongera ndetse no gufasha abakene mu buzima busanzwe bwa buri munsi aho byagarajwe ko hari abakene bagenda bafashwa*".

Gratien Ndizeye, umuyobozi wa Caritas ya Paruwasi ya Ntarabana na we yashimangiye gahunda yo kwegera abakiristu mu miryango remezo: *"ubukangurambaga mu gufasha abakene ni ingenzi cyane. Nta handi buhera mbere na mbere atari mu miryango remezo dore ko ari rwo rwego rutwegereye aho abantu baba baziranye kurushaho, bityo bakamenya n'umukene ubari hafi bafasha."*

Bwana Jean Népomuscène Hakizimana, umukozi wa Caritas ya Diyosezi ya Kabgayi ushinzwe ishami ry'imibereho myiza n'ubutabazi mu ijambo rye yashimiye abakangurambaga ba Caritas kubera umurimo mwiza bakora wo kwita ku batishoboye nta gihembo bategereje, ko igihembo cyabo bazagihabwa na Nyagasani Yezu kuko ari we wabatoye. Yabasabye kandi ko ibyo bakora bajya babikora mu rukundo. Yabibukije kujya batanga raporo y'ibyo baba bakoze kuko bituma hamenyekana uburyo Caritas itera imbere ndetse n'ingorane zaba zihari ngo zijye zishakirwa ibisubizo.

**Musabyimana Joselyne / Caritas ya Diyoseze ya Kabgayi**

## Abakozi ba Caritas Rwanda bahawe amahugurwa ku kurwanya ihohoterwa rikorerwa abanyantege nke



*Ifoto y'urwibutso abahuguwe bamaze guhabwa impamyabumenyi.*

Kuva tariki 6 kugeza ku 9 Kamena 2023, Icyiciro cya kabiri cy'abakozi ba Caritas Rwanda (48) bahawe amahugurwa ku kurwanya ihohoterwa rikorerwa abanyantege nke (barimo abana n'abantu bakuru). Aya mahugurwa yabereye kuri Centre d'Accueil Bonne Esperance - Kigali.

Mu bumenyi bahawe harimo kumenya ihohoterwa icyo ari cyo, amoko y'ihohoterwa, ibimenyetso byaryo n'uburyo ryakumirwa. Nk'uko babirebeye hamwe, ihohoterwa ni igikorwa cyose gikorerwa umuntu atabishaka kandi kikamugiraho ingaruka mbi byaba ku mubiri, mu mitekerereze, ku mibereho ye mu by'ubukungu cyangwa se ku mutungo we ndetse no ku mibereho y'abandi. Iryo hohoterwa rishobora gukorerwa mu ngo, mu muryango mugari, mu mashuri, mu kazi, mu madini n'ahandi.

Mu buryo bwakoreshwa mu kigo runaka mu kurwanya ihohoterwa harimo gushyiraho amategeko n'amabwiriza arwanya ihohoterwa, amategeko ngengamyitwarire, guhitamo abafatanyabikorwa n'abakozi ikigo kibanje kugenzura imyitwarire yabo, guha abakozi bacyo amahugurwa yo kurwanya ihohoterwa cyane cyane irikorerwa abana n'abantu bakuru b'abanyanteke nke, gushyiraho umuntu ushinzwe gukurikirana ibijyanye n'ihohoterwa, gusesengura neza ahashobora kugaragara ihohoterwa mu mishinga, porogaramu n'ibikorwa by'ikigo.

Muri aya mahugurwa, abakozi ba Caritas Rwanda bagiye batanga ibitekerezo ku byo biga, aho bavuze ko hari byinshi bungutse, ndetse ko hari na bumwe mu bwoko bw'ihohoterwa batari bazi. Ibiganiro byabaye kandi byagiye byunganira abatanze amasomo, ndetse barebera hamwe amategeko ngengamyitwarire ya Caritas Rwanda.

Nyuma yo kwiga, aba bakozi bakoze imyitozo yo mu matsinda, aho buri wese yisuzumye akareba (bitewe n'icyo akora) aho yubahiriza ibijyanye no kurwanya ihohoterwa. Barebye kandi ibyo bakwiriye kongera mu byo bakora mu kurwanya ihohoterwa ndetse n'iteganyabikorwa ryabyo.

Uretse aba bakozi 48, hari ikindi cyiciro cy'abakozi 47 bahuguwe kuri iyi ngingo kuva kuri 17 kugeza kuri 20 Mata 2023.



*Abakozi mu mwitozo wo kwisuzuma mu matsinda.*

## Abakuriye ishami ryita ku batishoboye (OSC) muri Caritas za Diyosezi na Caritas Rwanda bakoze inama nyunguranabitekerezo



*Umunyamabanga Mukuru wa Caritas Rwanda Padiri Oscar Kagimbura n'abahagarariye OSC muri Caritas.*

Abakozi ba Caritas za Diyosezi na Caritas Rwanda bakora mu ishami ryita ku batishoboye bakoze inama nyunguranabitekerezo y'umunsi umwe ku itariki 30 Gicurasi 2023, aho barebeye hamwe uko barushaho kugirana imikoranire myiza n'uburyo bashyira imbaraga mu bukangurambaga buhamagarira abantu kurushaho gukora ibikorwa by'urukundo.

Abari muri iyi nama basangiye amakuru ku buryo bakora ibikorwa by'urukundo n'ubutabazi ndetse n'ubukangurambaga muri Diyosezi babarizwamo. Muri rusange, ubukangurambaga bukorwa binyuze mu nzego zose za Caritas uhereye mu miryangoremezo, mu mashuri no mu bitangazamakuru bya Kiliziya Gatorika ari byo Radio Maria Rwanda, Kinyamateka na Pacis TV.

Muri Caritas za Diyosezi, abahagarariye Caritas mu miryango remezo n'ama paruwasi barahugurwa ku buryo bakora umurimo w'ubukangurambaga neza. Nk'uko abafashe ijambo bagiye babisobanura, mu bukangurambaga bakora, basobanurira abantu ko Caritas idasobanuye gusa umuryango udaharanira inyungu, ko ahubwo ari

"umuntu na mugenzi we bishyira hamwe bagakemura ibibazo by'abavandimwe babo bababaye.

Mu ijambo rifungura iyi nama ku mugaragaro, Umunyamabanga Mukuru wa Caritas Rwanda Padiri Oscar Kagimbura yibukije ko Caritas ari wo mutima wa Kiliziya, kuko Caritas bivuga urukundo. Ati : *"Mu byo Kiliziya ikora haramutse habuzemo urukundo byaba ari uguta igihe. Ni yo mpamvu Kiliziya ikomeye kuri Caritas"*.

Umunyamabanga Mukuru wa Caritas Rwanda yongeyeho ko hari igihe abaterankunga babura mu mishinga, abantu bakibwira ko nta Caritas ihari, ariko ko atari ko bimeze. Nk'uko Padiri Oscar yakomeje abisobanura, ibikorwa bitandukanye abakristu bakora bigaragaza urukundo, yaba umuntu ku giti cye cyangwa bishyize hamwe, ni yo Caritas.

Mu bitekerezo abari mu nama bunguranye, harimo gushyira imbaraga mu bukangurambaga mu mashuri bahereye ku bayobozi b'ibigo by'amashuri bagahurizwa hamwe, bakongera kuganira kuri Caritas iyo ariyo n'ubutumwa bwayo ndetse no muri za Kaminuza na za Seminari, nyuma nabo bagakora ubukangurambaga mu bigo by'amashuri. Abashinzwe ishami ryo gufasha abatishoboye muri Caritas kandi bafashe ingamba nshya zo gukomeza ubukangurambaga, kungurana ibitekerezo no gusangira ubunararibonye kugira ngo imirimo bakora irusheho kunozwa.



*Padiri Oscar Kagimbura, Umunyamabanga Mukuru wa Caritas Rwanda ni we wafunguye iyi nama ku mugaragaro.*

# “Umurimo w’abakozi ba Caritas, ni umurimo w’ifatanyabutumwa” Musenyeri Visenti Harolimana

Kuva tariki 29 Ukwakira kugeza tariki 3 Ugushyingo 2023, abakozi 19 ba Caritas Rwanda bafite inshingano zinyuranye bahuriye hamwe mu Karere ka Musanze, basuzumira hamwe uko hanozwa kurushaho imirongo migari isanzwe igenderwaho muri Caritas Rwanda. Banasuzumye n’indi mishya yakongerwaho kugira ngo ibikorwa bya Caritas Rwanda birusheho kugenda neza ku bufatanye n’inzego zitandukanye zaba iza Kiliziya Gatolika, iza Leta ndetse n’iz’abandi bafatanyabikorwa bayo.

Imirongo irenga makumyabiri irimo irebana n’imyitwarire y’abakozi, kubaka ubushobozi bw’abakozi, itangwa ry’amasoko, kurwanya ruswa, ikoranabuhanga, gukusanya no gutangaza amakuru ya Caritas Rwanda ndetse n’indi yizweho mu matsinda n’abakozi bitabiriye iki gikorwa.

Ku wa kuwa kane tariki 2 Ugushyingo 2023, aba bakozi basuwe na Perezida wa Caritas Rwanda wungirije, Musenyeri Visenti Harorimana Umushumba wa Diyosezi Gatorika ya Ruhengeri wabashimiye umurimo unoze bakora, ariko abibutsa ko ibyo bakora atari akazi gasanzwe ahubwo ari umurimo



*Mgr Visenti Harolimana ubwo yaganirizaga abakozi ba Caritas Rwanda.*

w’ifatanyabutumwa na Kiliziya Gatolika; bakaba bakwiye kuwukora neza kugira ngo abantu bakeneye urukundo bagerweho ari benshi muri ibyo bikorwa bitandukanye bakora umunsi ku munsi.

Musenyeri Visenti yagarutse ku myanzuro y’inama ya Sinodi y’uyu mwaka yabaye kuva tariki 4 kugeza kuri 29 Ukwakira 2023, aho yavuze ko “**Umukene”** akwiriye kuba ku isonga y’ubutumwa bwa Caritas. Yavuze ko ibikorwa bifasha kwita ku mukene bikeneye kwaguka kurushaho bikagera no ku bindi byiciro by’abantu nabo bakeneye kugaragarizwa urukundo kurushaho. Muri bo harimo: abahohotewe biganjemo cyane abagore n’abakobwa, abakuze, abakorewe icuruzwa ry’abantu, abana bari mu nda n’abandi.

## Gukangurira abiga mu mashuri kugira umutima wa Caritas



*Ubukangurambaga buhamagarira abiga muri Kaminuza ya INES Ruhengeri kugira umutima wa Caritas.*

Mu rwego rwo gukangurira abanyeshuri kugira umutima wa Caritas wita ku batishoboye, Caritas Rwanda ifatanije na Caritas za Diyosezi basuye amashuri makuru 7 ari yo: Iseminari nkuru ya Rutongo, iy'i Kabgayi, iya Nyakibanda, Ishuri rikuru ry'ubuforomo n'ububyaza rya Ruli n'irya Rwamagana na INES Ruhengeri. Iki gikorwa cyageze ku bantu 4.912 bose hamwe (harimo abanyeshuri n'abarezi). Ibiganiro byatanzwe byibanze ku gusobanurira abiga muri aya mashuri igisobanuro cya Caritas ari byo kugira umutima uharanira uburenganzira bw'ikiremwamuntu, kubakangurira kwita ku batishoboye hagati yabo no mu bakene bandi ndetse no gushyiraho inzego za Caritas mu mashuri yabo zizajya zigoboka abatishoboye.



*Ubukangurambaga muri Kaminuza ya UR-Rwamagana.*



*Abagize komite ya Caritas i Ruli (abanyeshuri n'abarezi) hamwe n'abakozi ba Caritas Rwanda bo mu Ishami ryita ku batishoboye.*

## Uruhare rw’amatsinda yo kuzigama no kugurizanya mu kuzamura imibereho y’abaturage bakennye



*Abagize rimwe mu matsinda yo kuzigama no kugurizanya basuwe n’abakozi ba Caritas.*

Kugira ngo imibereho y’abagenerwabikorwa b’imishinga na gahunda zayo izamuke mu birebana n’ubukungu, Caritas yibanda ku kubateza imbere binyuze mu matsinda yo kuzigama no kugurizanya. Abagize aya matsinda bahabwa ubumenyi bukenewe mu guhitamo, gutegura no gucunga imishinga ibyara inyungu. Muri ibi bikorwa ndetse n’ibindi ikora, Caritas ikomeza gutanga ubujyanama no gukurikirana abagenerwabikorwa bayo. Uretse ibi, hari ababona inyungu ku musaruro w’ibi bikorwa n’ubwo baba batashyizwe ku rutonde rw’abagenerwabikorwa. Bamwe muri bo, baturuka muri gahunda z’urubyiruko za Youth for Youth (Y4Y) na Gera Ku Ntego (GKN), babitangamo ubuhamya.

Ibyiza byo kwitabira amatsinda yo kuzigama no kugurizanya birivugira, nk’uko byemezwa na Nyirangiramahoro Joséphine, umunyamuryango w’itsinda ryo kuzigama no kugurizanya ryitwa “Twitezimbere Rubyiruko” ryo mu karere ka Rusizi, umurenge wa Muganza, akagari ka Gakoni, mu mudugudu wa Muhuta. Mu mwaka wa 2022, Josephine yatangiye ubucuruzi bw’ifu y’imyumbati atangije igishoro cya Frw 50.000 yari yagujije muri iri tsinda. Binyuze muri ubu bucuruzi, yunganiye umugabo we (ukora akazi ko guhinga) kwita ku byo abana babo batanu bakenera. Joséphine yishimira ibyo yagezeho, cyane cyane kuba abana babo babiri bararangije amashuri yisumbuye. Kuri ubu yamaze kwishyura umwenda wose yari yarafashe ajya gutangira ubucuruzi bwe, kandi afite igishoro cya Frw 80.000. Yagize ati: *"Ukurikije ko dukoresha amafaranga menshi mu byo dukenera mu buzima bwa buri munsi, ibyo nagezeho ni byinshi”*.

Abajijwe ibyiza byo kugira umubyeyi uri mu itsinda ryo kuzigama no kugurizanya, Tuyizere Lydie, ufite imyaka 22, yavuze ko umuryango we wateye imbere mu buryo bugaragara. Kuva umubyeyi we Nyirangiramahoro Joséphine yakwinjira mu itsinda ryo kuzigama no kugurizanya, ntibakicwa n’inzara nka mbere. Ikindi kuba muri iri tsinda byinjije mu murya-

ngo wabo umuco wo gukora cyane no kuzigama, bidaturutse ku kugira ibisaguka, ahubwo biturutse ku kwigomwa. Nyuma yo gusoza amashuri yisumbuye, Lydie yatangiye gukorana na nyina mu bucuruzi bw'ifu y'imyumbati, ibi bikaba bimufasha kwinjiza amafaranga no kuzigama Frw 6.000 mu kwezi mu itsinda rye *Dukorerehamwe*. Ati: *"Ibi nabyigiye kuri mama"*.

Uwizeyimana Olivier ni umunyamuryango w'itsinda *Duterimbere Rubyiruko* ryo mu karere ka Rusizi, umurenge wa Kamembe, akagari ka Cyangugu, umudugudu wa Karangiro. Ku myaka 25, Olivier ukomoka mu muryango w'abana 11, yafashe icyemezo cyo korohereza umutwaro umuryango we. Uretse kurihira amafaranga y'ishuri barumuna be (batanu muri bo barakiga), yishyurira n'abo mu muryango we amafaranga y'ubwisungane mu kwivuza, kuko umuryango we utunzwe no guca inshuro.

Mbere yo kwinjira mu itsinda ryo kuzigama no kugurizanya, Olivier yari yarazigamye Frw 500.000 mu kazi yakoreraga umuntu ucuruza. Muri Nzeri 2021, yinjiye mu itsinda rya *Duterimbere Rubyiruko*, aho yagujije Frw 300.000 ayongera ku yo yari yarazigamye maze ashinga iduka ry'agaciro ka Frw 800.000. Yagujije kandi Frw 119.000 kugira ngo yongere ibicuruzwa. Olivier yishyuye neza inguzanyo, none ubu iduka rye rifite agaciro ka Frw 3.000.000. Mu gihe kiri imbere, arateganya kuzubaka inzu ifite agaciro ka Frw 10.000.000.




*Uwizeyimana Olivier ubwo yari yasuwe n'abakozi ba Caritas.*

Kimwe mu biranga iterambere ni amahitamo anyuranye ku bantu. Nta gushidikanya ko amatsinda yo kuzigama no kugurizanya afite ubushobozi bwo gutanga aya mahitamo ku banyamuryango bayo, inzira y'iterambere ryabo n'imiryango yabo. Gufasha abagenerwabikorwa b'imishinga na gahunda za Caritas kwigira, binyuze mu matsinda yo kuzigama no kugurizanya, biri mu ntego yayo gufasha abatishoboye kugera ku iterambere ryuzuye.

**Uwiragiye Emmanuel / Umuyobozi w'Ishami ry'Amajyambere / Caritas Rwanda**

# Amatsinda yo kuzigama no kugurizanya akomeje gufasha impunzi kwiteza imbere



*Rimwe mu matsinda yo kuzigama no kugurizanya yo mu nkambi ya Nyabiheke afashwa n'umushinga wa PAC.*

Amatsinda yo kuzigama no kugurizanya afashwa n'imishinga ya Caritas Rwanda mu nkambi z'impunzi, amaze kuzifasha kwiteza imbere nk'uko byagaragaye mu mwaka wa 2023.

Aya matsinda yashyizweho kugira ngo ashimangire guteza imbere imibereho myiza y'abayagize. Abanyamuryango bayo baterana buri cyumweru, bagatanga ubwizigame ndetse n'amafaranga y'ingoboka. Nyuma y'umwaka barasa ku ntego, buri wese agahabwa ayo yazigamye n'inyungu zikomoka ku nguzanyo zatanzwe.

Uretse kuba babasha kwizigama, abanyamuryango b'aya matsinda babasha gusaba inguzanyo, zibafasha mu mishinga mito ibyara inyungu batangije.

Ku itariki ya 5 Mata 2023, amatsinda yo kuzigama no kugurizanya 24 afashwa n'umushinga PAC wa Caritas Rwanda, agizwe n'impunzi zo mu nkambi ya Kiziba ndetse no mu nkengero zayo, yagabanye Frw 24.035.975 yabitse mu gihe cy'amezi 10. Aya mafaranga arimo ubwizigame bungana na Frw 17.050.900 n'inyungu za Frw 6.985.078.

Urundi rugero ni urw'amatsinda 10 yo kubitsa no kugurizanya afashwa n'umushinga wa Graduation uterwa inkunga na HCR ugashyirwa mu bikorwa na Caritas Rwanda, yagabanye Frw asaga miliyoni 58 ku itariki 27 Nyakanga 2023. Aya matsinda agizwe n'abanyamuryango 200 barimo impunzi zo mu nkambi ya Mahama n'abaturage baturiye iyi nkambi iri mu Karere ka Kirehe. Iki gikorwa cyabereye mu nkambi ya Mahama.

## Abakangurambaga b’amatsinda yo kuzigama no kugurizanya afashwa na Gikuriro Kuri Bose bongerewe ubushobozi ngo bikorere



*Abakangurambaga b’amatsinda yo kuzigama no kugurizanya mu Karere ka Burera bashyikirizwa impamyabumenyi.*

Abakangurambaga b’amatsinda yo kuzigama no kugurizanya 74 bo mu turere twa Burera, Rulindo na Nyabihu batoranyijwe bakanahugurwa na Gahunda ya Gikuriro Kuri Bose (GKB), iterwa inkunga na USAID igashyirwa mu bikorwa na Caritas Rwanda, bahawe impamyabumenyi z’abikorera ku giti cyabo (Private Service Providers) kuva ku itariki 12 kugeza kuri 14 Nzeri 2023. Ubumenyi bahawe buzababafasha kwagura serivisi ziteza imbere ubukungu, batangiza bakanakurikirana amatsinda yo kuzigama no kugurizanya mu baturage.

Hagamijwe kuyafasha kwiteza imbere, Gahunda ya Gikuriro Kuri Bose yatoranyije kandi ihugura abakangurambaga b’amatsinda yo kuzigama no kugurizanya bafite inshingano zo kwita ku bikorwa byayo. Aba bakangurambaga batoza abanya-muryango bayo, kuyagenzura no gutegu-ra raporo zerekana imikorere y’itsinda mu gihe kingana n’umwaka, ari cyo gihe cyo kuzigama amatsinda akarasa ku ntego.

Nyuma y’umwaka umwe batangiye gukora, aba bakangurambaga bakorerwa isuzumwa binyuze mu kizami (babazwa binyuze mu kiganiro) n'abakozi ba gahunda ya GKB. Ibi byiyongeraho isuzuma rikorwa n'abagize itsinda ryo kuzigama no kugurizanya batojwe gukora ibiganiro biyobowe mu matsinda.

Iyi nzira ifasha abakangurambaga kwikorera ku giti cyabo (Private Service Providers - PSP), bakaba bafite ubushobozi bwo gushinga amatsinda yo kuzigama no kugurizanya ubwabo, kandi aya matsinda akaba asabwa kubishyura serivisi bayahaye. Ni muri uru rwego aba bakangurambaga 74 bahawe impamya-bushobozi.

## Umushinga wa Youth for Youth ugamije guteza imbere urubyiruko watangijwe ku mugaragaro mu Karere ka Gicumbi




*Ifoto y'urwibutso nyuma y'igikorwa cyo gufungura ku mugaragaro umushinga wa Youth for Youth muri Gicumbi.*

Ku tariki ya 8 Ugushyingo 2023, mu Karere ka Gicumbi habereye umuhango wo gutangiza umushinga w'imyaka 2 wa Youth for Youth ugamije guteza imbere ibikorwa by'urubyiruko binyuze mu ikoranabuhanga. Ni umushinga uterwa inkunga na Catholic Relief Service (CRS) Rwanda, ugashyirwa mu bikorwa na Caritas za Diyosezi zifatanyije na Komisiyo ishinzwe ikenurabushyo ry'urubyiruko ku rwego rw'igihugu na Diyosezi. Ibikorwa bya Youth for Youth bigenzurwa na Caritas Rwanda.

Iki gikorwa cyabereye mu nzu y'urubyiruko rwasohotse muri gereza zo mu Majyaruguru (Bureau Social Urbain / Incubation Center). Uyu mushinga watangijwe ku mugaragaro na Nyiricyubahiro Mgr Papias Musengamana Umushumba wa Diyosezi Gatolika ya Byumba afatanyije n'umuyobozi w'agateganyo w'Akarere ka Gicumbi Madamu Uwera Parfaite.

Mu ijambo yagejeje ku bitabiriye iki gikorwa, Mgr Papias yabasabye kuzagira ubufatanye kuva umushinga utangiye kugeza igihe uzatanga umusaruro.

Umuyobozi w'agateganyo w'akarere ka Gicumbi, Madamu Uwera Parfaite, yashimiye abaterankunga b'uyu mushinga kuko bagiye guteza imbere urubyiruko rwa Gicumbi, yizeza ubufatanye bw'ubuyobozi kugira ngo intego yawo izagerweho ku kigero gishimishije.

Umushinga wa Youth for Youth uzamara imyaka ibiri, ukaba ari umwe mu ruhererekane rw'imishinga igamije guteza imbere urubyiruko. Uyu mushinga waje usimbura uwa "Gera Ku Ntego" wari ugamije gufasha urubyiruko kwiteza imbere binyuze mu matsinda yo kuzigama no kugurizanya. Ukorera mu turere twa Rusizi, Nyamasheke, Rutsiro, Nyaruguru, Gisagara, Rubavu, Nyabihu, Huye na Nyamagabe.

## Nyabihu: Leta yahaye inyunganirangingo abafite ubumuga ku buvugizi bwakozwe na Caritas Rwanda

Nyuma yo kubona imbogamizi zikomeye z'abafite ubumuga bo mu Karere ka Nyabihu zo kugera aho abandi bari, muri Mata 2023 Caritas Rwanda ibinyujije muri gahunda yayo ya Gikuriro Kuri Bose (GKB) yabakoreye ubuvugizi. Caritas ifatanije n'Akarere ka Nyabihu, yegeranije amakuru ajyanye n'umubare w'abafite ubumuga, n'ubwoko bw'inyu-nganirangingo bakeneye zizabafasha kugenda. Iri kusanyamakuru ryerekanye ko amagare y'abafite ubumuga 324 n'imbago 400 ari byo bikenewe byihutirwa.

Akarere ka Nyabihu nako kakoze ubuvugizi muri Guverinoma kugira ngo aba bafite ubumuga babone inyunganirangingo. Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubuzima RBC cyatanze amagare 76 azifashishwa n'abafite ubumuga, Urugaga rw'imiryango y'abafite ubumuga NCPD rutanga imbago 100 mu gihe Akarere ka Nyabihu ko katanze imbago 80.

Amagare 76 azifashishwa n'abafite ubumuga yatanzwe na RBC yakiriwe na n'Akarere ka Nyabihu, Gikuriro Kuri Bose itanga imodoka ahita agezwa ku bayake-



*Amagare 76 yahawe abafite ubumuga batabashaga kuva mu rugo.*

neye mu midugudu itandukanye yo mu Karere ka Nyabihu. Imbago 100 zabonetse zo zatanzwe muri Nyakanga 2023.

Ntibategera Bernadette, wo mu Murenge wa Rambura, wavuye ku ntebe y'igiti yahoraga yicayeho, yishimiye kwakira iri gare rizajya rimufasha kugera aho abandi bari bitamugoye cyane. Uyu mukecuru wahoze wishingikiriza abandi bantu kugira ngo bamugeze mu bandi, ubu ashobora kugendagenda hafi mu buryo bworoshye. Ibi bimufasha kwitabira ibikorwa bitandukanye no kujya aho abandi bari, gusura inshuti n'imiryango no kwitabira ibirori igihe byabaye mu baturanyi.

Iyi gahunda ya GKB iterwa inkunga na USAID binyuze muri CRS Rwanda.

## Iwawa: Caritas yakoze ubukangurambaga bugamije gukumira virusi itera SIDA



*Mgr Mwumvaneza Anaclet ubwo yaganirizaga urubyiruko ruri Iwawa.*

Ku bufatanye na Diyosezi ya Nyundo, ku wa 27 Kamena 2023, Caritas Rwanda ibinyujije muri gahunda yayo ya USAID / Igire-Gimbuka, yakoze ubukangurambaga bugamije gukumira virusi itera SIDA, gufata neza imiti igabanya ubukana bw'agakoko gatera Sida ndetse no guhindura imyitwarire. Urubyiruko 5.182 (bose ni abasore) ruri kugororerwa mu kigo ngororamuco ruhamya ko ruhabwa ubufasha n'inkunga byuzuye bizabafasha gusubira muri sosiyete.

Ubu bukangurambaga bwatangijwe n'igitambo cya Misa yasomwe na Musenyeri Mwumvaneza Anaclet akaba na Perezida wa Caritas Rwanda. Muri iki gitambo cya Misa, abasore 84 bari Iwawa bahawe amasakaramentu: 53 barabatijwe, 7 bahabwa Ukaristiya ya mbere, 24 bahabwa isakaramentu ryo gukomezwa naho 4 bagarukira Imana.

Ubu bukangurambaga bujyanye n'imwe mu ntego za Gahunda ya Caritas Rwanda / Igire-Gimbuka yo kugera ku byiciro by'abantu bafite ibyago byinshi byo kwandura virusi itera SIDA bigerwaho bigoranye nk'abana bo mu mihanda, abangavu baba mu bikorwa by'uburaya mu bigo by'ubucuruzi no mu bigo bigororerwamo abantu n'ahandi.

Nyuma y'igitambo cya Misa, amakipe y'umupira w'amaguru yo muri iki kigo ngororamuco cy'Iwawa yahawe imyenda ya siporo n'imipira yo gukina kugira ngo barusheho gukora imyitozo ngororamubiri, ifite umumaro ukomeye ku buzima bwabo ndetse no kuruhura ubwonko. Mu ijambo bavuze nyuma y'umupira w'amaguru, Musenyeri Anaclet Mwumvaneza, umuhuzabikorwa wa gahunda ya Igire-Gimbuka mu turere twa Rubavu ba Rutsiro n'umuforomo ushinzwe gutanga imiti igabanya ubukana bw'agakoko gatera Sida (ARV) batanze ubutumwa bugamije guhindura imyitwarire ndetse no kurinda ubuzima ariko cyane cyane kwirinda virusi itera Sida.

Ku bijyanye no kwirinda virusi itera Sida, urubyiruko rugororerwa Iwawa rwasabwe gukorana bya hafi n'abaforomo bari kuri iki kirwa kugira ngo bisuzumishe virusi itera Sida ku bushake ndetse no kugirwa inama kugira ngo hakumirwe ubwandu bushya no kuba bafata imiti igabanya ubukana mu gihe habonetse ubwandu bushya.



*Abasore 24 bahawe isakaramentu ryo gukomezwa, 53 barabatizwa, 7 bahabwa Ukaristiya ya mbere, abandi 4 bagarukira Imana.*

## Paroisse Gakeri yatangije ubukangurambaga bwo kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana




*Abana bari bitabiriye ubu bukangurambaga ari benshi.*

Ku itariki ya 6 Kamena 2023, Paruwasi ya Gakeri (Diyosezi ya Nyundo) ifatanije na Caritas Rwanda, binyujijwe muri Gahunda ya Igire-Gimbuka yatangije ubukangurambaga bwo kurwanya ihohotera rikorerwa abana aho bamwe baterwa inda bakiri abangavu. Uyu munsi wahuriranye no gusoza icyumweru gatolika cy'uburezi muri iyi Paruwasi.

Insanganyamatsiko y'icyumweru cy'uburezi muri 2023 yagiraga iti: *"Turere umwana ushoboye kandi ushobotse"*. Nk'uko Padiri Ndacyayisaba Donatien wigishije mu gitambo cya Misa cyasomwe mu gutangiza uyu munsi yabisobanuye, umubyeyi agomba guhugura umwana akamurera, akamenya itsinda agenderamo, aho abona atari byiza akamugarura mu nzira nzima. Abana kandi nabo bagomba gutanga impanuro ku babyeyi aho babona bitagenda neza kuko mu kinyarwanda bavuga ko igi ryahanuye inyoni bitangana.

Ibiganiro byatanzwe byagarutse ku burere bw'abana, bihamagarira ababyeyi n'abarezi kwita ku bana ndetse n'abana basabwa kumvira inama nziza bahabwa. Musangirumutima Gaspard ukuriye urwego rw'ubugenzacyaha (RIB) mu Karere ka Rutsiro yashishikarije abana kwirinda ingeso mbi nko kunywa ibiyobyabwenge no kugendera mu bigare.

Hatanzwe kandi ikiganiro gishishikariza kurwanya akarengane gakorerwa abana, hirindwa inda ziterwa abangavu, abana bigishwa kwirinda ababashuka. Abagabo n'abasore bahamagariwe kwirinda gusambanya abana kuko ari icyaha gihanwa n'amategeko. Abari bahari bose basabwe gutangira amakuru ku gihe.

Mu gusoza uyu muhango, abana biga mu mashuri abanza n'ayisumbuye barushije abandi gutsinda bahembwe ibikoresho by'ishuri.

## Caritas Rwanda, ku nkunga ya Plan Rwanda, yahaye ibikoresho binyuranye ingo mbonezamikurire

Mu mwaka wa 2023, Caritas Rwanda ibinyujije mu mushinga wa ECD uterwa inkunga na Plan International Rwanda yashyikirije ingo mbonezamikurire byo mu Karere ka Gatsibo, Nyaruguru na Bugesera ibikoresho binyuranye bizifashishwa mu kwita ku bana. Ibi byakozwe mu rwego rwo kongerera ubushobozi izi ngo mbonezamikurire.

Early Childhood Development Project ni umushinga wa Caritas Rwanda, ukora ibikorwa byibanda ku kwita ku mwana kuva agisamwa, kugeza ku myaka 6, hagamijwe gukangura ubwonko bwe no kumutegura kwiga, kumuha uburere buboneye, kumurinda indwara n'imirire mibi, ndetse n'ihohoterwa iryo ari ryo ryose.

Muri Mutarama 2023, ingo n'amashuri mbonezamikurire 258 byo mu Karere ka Gatsibo, Nyaruguru na Bugesera ni byo byahawe ibi bikoresho birimo iby'isuku no mu gikoni nk' amajerekani, amasafuriya, amasabune, indobo n'ama-base. Hatanzwe kandi ibikoresho by'imikino n'ibikinisho binyuranye bizafasha mu gukangura ubwonko bw'umwana, byaba iby'abana bato cyangwa abakuru.



*Abahagarariye ingo mbonezamikurire zo mu Karere ka Bugesera ubwo bakiraga ibikoresho.*

Mu birebana n'imyigire, hatanzwe ibikoresho byomekwa ku nkuta biriho amashusho, inyuguti n'imibare, amagambo yo mu zindi ndimi aherekejwe n'amashusho, bizifashishwa mu kwigisha abana. Caritas Rwanda kandi yatanze imikeka minini izajya yicarwaho n'abana mu gihe bari mu ngo mbonezamikurire. Mu birebana n'inyunganiramirire, hatanzwe ifu y'igikoma n'isukari.

Mu Ukwakira 2023 kandi uyu mushinga wongeye gutanga ibikoresho ku ngo mbonezamikurire 43 zo mu karere ka Gatsibo, ariko wongeraho na kandagira ukarabe. Uretse ibi bikoresho, Caritas Rwanda yahuguye abarezi bakorera muri izi ngo mbonezamikurire, babaha ubumenyi bw'ibanze bazajya baha abana.

## Diyosezi ya Ruhengeri yatanze ibikoresho ku rubyiruko rurangije kwiga imyuga



*Musenyeri Vinsenti Harolimana yayoboye umuhango wo gutanga ibikoresho ku basoje imyuga.*

Nyuma yo kwiga imyuga inyuranye babifashijwemo na Caritas ya Diyosezi ya Ruhengeri, abasore 18 n'inkumi 22 bashyikirijwe ibikoresho by'imyuga n'Umushumba wa Diyosezi Gatolika ya Ruhengeri, Nyiricyubahiro Musenyeri Vincent Harolimana. Ni igikorwa cyabaye tariki 21 Nzeri 2023.

Aba basore n'inkumi uko ari 40 bakomoka muri Paruwasi za Bumara, Kampanga, Kinoni na Mwange za Diyosezi Gatolika ya Ruhengeri bakaba baratoranyijwe hakurikijwe ibibazo bibugarije bituma batabasha kwibonera ibyangombwa by'ingenzi bakeneye mu buzima bwabo.

Caritas ya Diyosezi ya Ruhengeri ibifashijwemo n'abaterankunga b'abataliyani yafashije abo basore n'inkumi kwiga imyuga inyuranye bihitiyemo. 25 muri bo bize umwuga w'ubudozi, 7 biga ububaji 5 biga ubwubatsi, 2 biga gusudira n'umwe wize gutunganya imisatsi n'inzara. Ibyo bikoresho bahawe bikaba ari ibyo kubafasha kwinjira ku isoko ry'umurimo kugira ngo babashe kwikemurira ibibazo bari bafite birimo kutabona ibyo kurya, kwambara, kwivuza n'ibindi. Umushinga wose watwaye Frw 15.498.000.

Mu gutanga ibi bikoresho, Nyiricyubahiro Musenyeri Visenti yasabye ababihawe kubikoresha neza no kubibyaza umusaruro, kwiteza imbere no guteza imbere imiryango yabo, kandi bubaka n'igihugu muri rusange. Umushumba wa Diyosezi ya Ruhengeri yanibukije aba bahawe ibikoresho ko bagomba guhora bibuka ineza Imana yabagiriye ibinyujije muri Caritas; bityo nabo mu migirire yabo ya buri munsi bakajya bibuka gufasha abandi bababaye batabashije kugira ayo mahirwe. Nyiricyubahiro Musenyeri yanashimiye kandi by'umwihariko abaterankunga bafashije Caritas ya Diyosezi ya Ruhengeri gukora iki gikorwa.

**Bazasekabaruhe Jean Damascène**

**Ushinzwe ishami ryita ku batishoboye**

**Caritas Ruhengeri**

**Ubuhamya : Ku nkunga y'umuryango remezo, Jean de Dieu yashoboye gukomeza amashuri**



*Jean de Dieu na bamwe mu bagize umuryango remezo w'abakozi wamufashije, bari mu birori bye byo gusoza icyiciro cya gatatu cya kaminuza.*

Nsanzabera Jean de Dieu ni umunyeshuri watsinze ikizamini cyo gukomeza amashuri yisumbuye inshuro ebyiri mu Ishuri ryisumbuye rya Saint Aloys Rwamagana ariko ntiyabona ubushobozi bwo kuryigamo (2003-2004 na 2004-2005). Akomoka mu mudugudu w'Inteko, akagali ka Nyamagana, umurenge wa Remera, mu Karere ka Ngoma ho mu ntara y'iburasirazuba. Bitewe n'agahinda byamuteye, Jean de Dieu yagiye mu gatsiko k'abana bo mu muhanda.

Rimwe mu nama yabaye nyuma y'umuganda, abayobozi bavuze ko hari ikibazo cy'umutekano mucye uterwa n'abana bo mu muhanda banywa ibiyobyabwenge, hakaba harimo umwe watsinze ikizamini cya Leta gisoza amashuri abanza ariko utarabonye ubushobozi bwo gukomeza kwiga. Umubyeyi witwa Marcelline yaje guhura na Jean de Dieu, bimutera gushishikariza umuryango remezo w'abakozi gufasha uyu mwana. Abari muri uyu muryango remezo bishyuriye Jean de Dieu amafaranga y'ishuri babifashijwemo na Caritas ya Diyosezi ya Kibungo. Umwana yatangiye ishuri mu gihembwe cya kabiri, ariko ntibyamubujije kugisoza ari uwa mbere mu ishuri.

Nyuma y'ikizami cya Leta gisoza icyiciro rusange, Jean de Dieu yabonye amanota meza, yoherezwa gukomereza amashuri ye mu Rwunge rw'amashuri rwa Kabare aho yasoje amasomo afite buruse yo kujya kwiga muri Kaminuza y'u Rwanda.

Arangije kwiga amashuri makuru, yabuze akazi igihe gito, aza kukabona mu Babikira b'aba Calcuta b'i Kibungo, bimufasha kwizigamira amafaranga macye. Muri iki gihe, ni bwo yabonye indi buruse y'icyiciro cya gatatu cya kaminuza muri Kaminuza y'u Rwanda i Gikondo.

Kuri ubu, Jean de Dieu ni umuyobozi ushinzwe ibarurishamibare mu Karere ka Ruhango. Azirikana ineza yagiriwe, bikaba byaratumye nawe yishyurira abandi bana 4 amafaranga y'ishuri, barimo barumuna be babiri n'abandi bana babiri baturuka mu miryango ikennye.

**Nsanzabera Jean De Dieu**



*Jean de Dieu akiri mu muhanda.*



*Yiga muri Kaminuza.*

# Caritas Rwanda

Caritas Rwanda yashinzwe mu mwaka w'1960 n'Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda. Yemewe ku mugaragaro nk'Umuryango udaharanira inyungu n'iteka rya Minisitiri No 499/08 ryo mu mwaka w'1962, ihinduka umuryango utegamiye kuri Leta hakurikijwe itegeko No 06/2012 ryo kuwa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango ishingiye ku idini mu Rwanda.

Kuva mu 1965, Caritas Rwanda yinjiye mu muryango waguye wa Caritas Internationalis, uhuza za Caritas zo ku isi. Ubu Caritas Rwanda ni umuryango ukorera mu gihugu hose, ubinyujije muri Caritas icumi (10) za Diyosezi Gatorika mu Rwanda, Caritas za Paruwasi **229**, na Caritas za santarali n'imiryangoremezo.

## Icyerecyezo

Guharanira iyubahirizwa ry'agaciro ka muntu kuri buri wese.

## Intego

Gufasha abatishoboye kugera ku iterambere ryuzuye, bikorwanywe Urukundo rw'Imana, rubwirizwa n'Ivanjiri.

## Indangagaciro

-Agaciro ndahangarwa k'ikiremwamuntu;
-Ubufatanye;
-Ubwitange;
-Ubwuzuzanye;
-Urukundo n'impuhwe;
-Icyizere;
-Uburinganire;
-Imicungire iboneye.